

**REPUBULIKA Y'U RWANDA****URUKIKO RW'IKIRENGA****URUKIKO RWISUMBUYE****RWA GASABO****ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO.**

Umwaka wa 2022 umunsi wa 08 w' ukwezi kwa Kamena;

Twebwe **UWIMANA Christine**, Umucamanza mu Rukiko rwisumbuye rwa Gasabo, dufashijwe na **SEBWIZA Vital**, umwanditsi muri urwo rukiko ;

TUMAZE kubona ko ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa Gasabo bwaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo uwitwa Mubashankwaya Jean Claude icyaha cyo Gusambanya umwana urwo rubanza rwandikwa kuri RPMin 00053/2020/TGI/GSBO ;

TUMAZE kubona ko **MUBASHANKWAYA Jean Claude** mwene mwene.... na ....., akaba abarizwa mu mudugudu wa Mayange, Akagali ka Maranyundo, Umurenge wa Nyamata, Akarere ka Bugesera, Intara y'Uburasirazuba nyuma y'uko bimenyekanye ko akekwa gusambanya umwana akaba atakiba iwabo nkuko bisobanurwa mu nyandiko itanga ikirego y'ubushinjacyaha;

TUMAZE kubona ko urubanza rwahawe amatariki atadukanye ntiruburanishwe ku mpamvu zinyuranye ku itariki yo kuwa 08/06/2022 akaba aribwo rwongeye guhamagazwa **MUBASHANKWAYA Jean Claude** ntiyitabe kuko yarezwe nk'uwihishe ubutabera ariko icyemezo kimuhamagaza nk'uwatorotse ubutabera kitarakozwe;

*DUSHINGIYE ku ngingo ya 160 y'Itegeko no27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya ko Iyo ukurikiranyweho icyaha atashoboye gufatwa kuko yihishe cyangwa yatorotse ubutabera, yaba ari mu Rwanda cyangwa se mu mahanga, Ubushinjacyaha bumukorera dosiye bukayishyikiriza urukiko rubifitiye ububasha n'ubwo yaba atarabajijwe. Nyuma yo gushyikirizwa dosiye, urukiko rufata icyemezo kimutegeka*

*kwitaba mu gihe cy'ukwezi kumwe (1), atakwitaba, hakemezwa ko yasuzuguye amategeko; ku ngingo ya 161 iteganya ko Mu gihe cy'iminsi umunani (8) icyemezo kivugwa mu ngingo ya 160 y'iri tegeko kimanikwa ahabigenewe ku rukiko rwagifashe kandi kigatangazwa mu gitangazamakuru cyemejwe n'urukiko no ku ngingo ya ya 162 y'iryo tegeko iteganya ko Iyo igihe kivugwa mu ngingo ya 160 y'iri tegeko kitubahirijwe n'uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera, acirwa urubanza adahari ;*

DUTEGETSE MUBASHANKWAYA Jean Claude kwitaba urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuwa 15/07/2022 Saa mbiri za mu gitondo (8h00) kugira ngo aburane urubanza rwavuzwe aregwamo n'ubushinjacyaha, natitaba hazemezwe ko yasuzuguye amategeko acirwe urubanza adahari;

DUTEGETSE ko iki cyemezo kimanikwa ahabigenewe mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kinatangazwa ku rubuga rw'ubutegetsi bw'ubucamanza [www.judiciary.gov.rw](http://www.judiciary.gov.rw) no ku mbuga nkoranyambaga arizo@Rwanda Judiciary(Tweeter)na Supreme court of Rwanda (Facebook;

(SE)

UWIMANA Christine

**UMUCAMANZA**

(SE)

SEBWIZA Vital

**UMWANDITSI**